ISHENGERERA RY'UKARISTIYA RISABIRA

# IMIHAMAGARO

## Iyaba wari uzi ingabire y'Imana




Image: Rogationist Archive 2026

## 1. INTANGIRIRO

**Umuyobozi :** Muri uyu mwaka w'ingabire, mu gihe dukomeje urujyendo rwacu rwa buri kwezi rwa yubile y'imyaka 100 Mutagatifu Anibale Mariya yitabye Imana, dukoraniye imbere ya Nyagasani nk'abari mu rujyendo rutagatifu, bafite inyota kandi bashakisha isoko y'amazi afutse. Kwizihiza imyaka ijana si ukwibuka gusa, ahubwo ni uguhamagarirwa gusubira ku isoko y'indangabutumwa yacu no kwemera guhinduka bashya tubikesha ayo mazi y'ubuzima ari yo Kristu.

Ivanjili tuzirikana iratwerekeza ku iriba rya Sikari, aho Yezu ategerereje Umugore wo kuri Samariya. Buri wese muri twe yiyumve ko ategerejwe na Yezu nk'uyu mugore. Twazanye ibibindi byacu ari byo muhate wacu, ibibazo byacu n'ibyifuzo. Nyagasani aratwitegereza, aratuzi kandi araduha ingabire ya Rohomutagatifu ushobora guhindura inyota ikaba ubutumwa, n'intege nke zacu akazihinduramo ubuhamya.

Nk'uko Nyirubutungane Papa Benedigito wa XVI yakunze kubitwibutsa mu butumwa bwe bujyenewe igisibo, buri muntu yifitemo inyota : inyota y'Imana, inyota y'urukundo nyarwo n'inyota y'ubuzima bwuzuye. Ngaho aho Nyagasani ashaka ko duhurira tukaganira. Mutagatifu Anibale, nk'umuntu w'ibyifuzo byiza kandi w'umunyampuhwe, yabayeho ubuzima bwe bwose avoma Kristu kugira ngo amuhe abato, abakene n'urubyiruko. Abikesha kuvoma mu Ukaristiya, yabaye isoko ya benshi.

Iri shengerera ridufashe kumenya inyota twifitemo n'ingabire y'Imana, kandi ridufashe kubaho Rogate nk'igisubizo cy'urukundo kandi nk'amazi y'ubuzima bubeshaho Kiliziya ndetse n'isi yose.

**Twakire Nyagasani uje muri twe turirimba** *(Gushengerera bucece)*

## 2. ISENGESHO RY'INTANGIRIRO

**Nyagasani Yezu, wowe soko y'ubuzima udutegerereje ku iriba, uzi inyota nyayo yacu. Tubwirire muri uku guceceka, kingura imitima yacu kugira ngo yakire Ijambo ryawe, kandi uduhe amazi ya Roho utugira ibiremwa bishya maze akadutuma. Duhe indoro icyeye kugira ngo tubone ko ari wowe wenyine ushobora kutumara inyota twifitemo y'ukuri n'urukundo. Vugurura muri twe ibyishimo by'umuhamagaro wacu twahawe muri batisimu, kandi ubyutse muri Kiliziya yawe imitima y'urubyiruko, imitima yuzuye ubuntu. Gira ubuzima bwacu isoko idudubiza, duhe kuba abahamya b'ubuvandimwe, b'ubutabera n'amahoro. Wowe wahinduye umugore wo kuri Samariya ukamugira umwogezabutumwa, tugire natwe abahamya b'urukundo rwawe.Amen.**

## 3. GUTEGA AMATWI IJAMBO RY'IMANA

**Umuyobozi:** Yezu Kristu ni Imana nzima idusanga kugira ngo itumare inyota n'inzara. Ni We wenyine ashobora kutumara inyota kandi agahaza inzara y'ukuri n'urukundo ndetse n'iyo gushakisha igisobanuro cy'imihamagaro yacu. Nk'uriya Munyasamariyakazi, nimuze twegerane Ijambo rye imitima yiteguye kwakira, kugira ngo duhure na we atugire bashya kandi aduhamagare.

**Amagambo yo mu Ivanjili Ntagatifu uko yanditswe na Yohani** *( Yn 4, 5-15.19b--26.39a.40-42 )*

*(Yezu) agera mu mugi wo muri Samariya witwaga Sikari, wari hafi y'umurima Yakobo yari yarahaye umuhungu we Yozefu. Aho hantu hari iriba rya Yakobo. Yezu ahagera yananijwe n'urugendo, maze yicara iruhande rw'iriba. Hari nk'isaha ya gatandatu.*

*Nuko umugore wo kuri Samariya aza kuvoma amazi. Yezu aramubwira ati «Mpa amazi yo kunywa.» Icyo gihe abigishwa be bari bagiye mu mugi kugura ibyo kurya. Umunyasamariyakazi abwira Yezu, ati «Bishoboka bite kugira ngo wowe w'Umuyahudi unsabe amazi yo kunywa, kandi ndi Umunyasamariyakazi?» Koko rero Abayahudi ntibasangiraga n'Abanyasamariya. Yezu aramusubiza ati « Iyaba wari uzi ingabire y'Imana, ukamenya*

*n'ukubwira ati 'Mpa amazi yo kunywa', wajyaga kuyamusaba ari wowe, maze akaguha amazi atanga ubugingo.» Umugore aramubwira Ati « Nyakubahwa, ntufite n'icyo uvomesha, byongeye kandi iriba ni rirerire cyane; ayo mazi atanga ubugingo wayakura he? Uzabe uruta umubyeyi wacu Yakobo waduhaye iri riba, akarinyweraho, we n'abana be n'amatungo ye?» Yezu aramusubiza ati «Unywa aya mazi wese azongera agire inyota; ariko uzanywa amazi nzamuha, ntazagira inyota ukundi, ahubwo amazi nzamuha, azamubamo ari isoko idudubiza kugera mu bugingo bw'iteka.» Umugore aramubwira, ati «Nyakubahwa, mpa kuri ayo mazi n'ejo ntazongera kugira inyota, nkagaruka hano nje kuvoma.*

*Mbonye ko uri umuhanuzi. Ba sogokuruza bacu basengeraga kuri uyu musozi, naho mwebwe Abayahudi mukavuga ko i Yeruzalemu ari ho abantu bagomba gusengera.» Yezu aramubwira ati « Mugore, nyemera: dore igihe kiregereje ntimube mugisengera Imana Data kuri uyu musozi, cyangwa se i Yeruzalemu. Mwebwe musenga Uwo mutazi, naho twe tugasenga Uwo tuzi, kuko umukiro uturuka mu Bayahudi. Igihe kiregereje, ndetse ngiki cyageze, maze abasenga by'ukuri bakazasengana Imana Data umutima utaryarya, kuko abayisenga batyo ari bo Imana Data yikundira. Imana ni Roho, bityo abasenga bajye bayisenga by'ukuri, bayobowe na Roho.» Umugore abwira Yezu ati « Nzi ko Umukiza, ari we Kristu, agiye kuza; namara kuza azatwigisha byose.» Yezu aramubwira ati «Ni jye uvugana nawe. » Nuko Abanyasamariya benshi b'uwo mugi bemera Yezu. Baramusanga, baramwinginga ngo aze agumane na bo, maze aguma aho iminsi ibiri. Nuko abantu benshi cyane baremera, babitewe n'ibyo yababwiraga. Babwira wa mugore, bati «Ntitucyemezwa n'ibyo watubwiye; natwe twamwiyumviye, kandi tumenye ko ari we Mucunguzi w'isi koko.»*

**P.** Iyo ni Ivanjili Ntagatifu.

**T. Uragasingizwa Kristu**

*Guceceka akanya gato*

## 4. KUZIRIKANA HAMWE

**Umuyobozi :** Uyu munyasamariya kazi ni ikigereranyo cya mwenemuntu uhora ashakashaka, rimwe na rimwe atazi n'icyo asonzeye mu by'ukuri. Ni ishusho ya Kiliziya, ariko akaba n'ishusho y'ubuzima bwacu bwite n'ubw'imihamagaro yacu. Yifitemo umunaniro, guhuzagurika, inyota, ariko kandi na none akaba umuntu wirekuye witeguye kandi wemera gutungurwa.

**Umusomyi.** Nyirubutungane Papa Faransisko, mu butumwa bwe bw'igisibo, yatwibukije ko Imana idahwema gusanga muntu, ndetse n'iyo yaba we ari gutana. Yezu ntabwo yategereje ko uyu munyasamariyakazi ahinduka kugira ngo amuganirize, ahubwo yamusanze mu ngorane ze. Natwe ni ko atujyenzereza, adusanga aho turi, ntategereza ko tuba aho twagombye kuba turi, maze akatubwiza ukuri, ariko mu rukundo rutatesha agaciro.

*Guceceka akanya gato*

**Inyikirizo y'indinrimbo yo gushengerera**

**Umusomyi.** Nyirubutungane Papa Benedigito wa XVI mu butumwa bwe bw'igisibo yemeza ko umuntu yifitemo inyota adashobora kumarwa n'icyo ari cyo cyose cyo ku isi. Ni inyota idashira, y'ubuzima bw'iteka, y'urukundo rutagira urugero. Umunyasamariyakazi yagerageje kwivura iyo nyota anyuze mu nzira z'ubuyobe, mu nkundo zidashyitse, avoma ku mariba atamara inyota.

*Guceceka akanya gato*

**Inyikirizo y'indinrimbo yo gushengerera**

**Gusengera hamwe**

**Nyagasani, dutegerereze ku iriba duhuriraho. Banza utubwire wowe mazi afutse kandi amara inyota y'umutima, Igiza kure yacu ibyifuzo by'ibitaduhaza kandi udukize burundu ubwoba no kwinangira bibuza ukwemera kwacu gukura. Inyota yacu yimarishe Roho wawe, maze imutima yacu uyigire**

**migari kugira ngo ibashe kwakira Ijambo ryawe.Kingura muri twe icyanzu cy'ingabire yawe, uduhe gushobora kwakira umuhamagaro wawe kugira ngo tube isoko y'ibyiza ku badukikije. Amen.**

**Umuyobozi.** Mutagatifu Anibale atwigisha ko isoko nyayo ari Kristu. Ubuzima bwe bwose bwaranzwe no kudahwema kwerekeza ku iriba ry'Ukaristiya, aho yasangaga urumuri, imbaraga, ubushishozi n'umwete wo kogeza inkuru nziza.

Rogate ubwayo yavutse ku nyota : Inyota Yezu yarafitiye imbaga itagira umushumba. Ni inyota mutagatifu Anibale yagize iye, kugeza abaye ijwi ritabaza, umutima winginga, mu buzima bwo kwitanga.

**Umusomyi.** Isabukuru y'imyaka ijana turi kuwizihiza iradusaba gusubira ku isoko. Ntitwavuga ko turi kwizihiza mutagatifu Anibale tutamwigiraho kwimarira muri Kristu no kwitangira gukiza roho z'abavandimwe bacu. Nk'umunyasamariyakazi, turahamagarirwa kureka Kristu akatureba, akatubaza, akaduhindura. Hanyuma tukinyakura tukajya kubwira abandi tuti : « Nimuze murebe ! » Mutagatifu Anibale Mariya mu Nyandiko ze dusanga mu gitabo cya 4, aho dusanga ibyo yandikaga mu kuzirikana ijambo ry'Imana ndetse n'inyigisho zerekeye ibya roho, aragira ati :« Yezu ni isoko idakama y'ingabire zose. Abamwegerana umutima utaryarya abahundagazaho urumuri, imbaraga, guhumurizwa n'ubuzima bushya. Ni We wenyine ushobora kumara inyota ya roho, ni We wenyine ushobra kuziba icyuho cy'umutima, akawuzuzamo ibyo usonzeye. Tumusangane ukwizera ; aradutegereje kugira ngo atubuganizemo urukundo rwe rudashira. »

*Guceceka akanya gato*

**Inyikirizo y'indinrimbo yo gushengerera**

## 5. ISENGESHO RYO GUSABA ABAKOZI BEZA

*(gupfukama )*

**Umuyobozi :** Ese dufitiye inyota amazi y'ubugingo atangwa na Yezu, cyangwa turangazwa n'andi mazi atamara inyota ? Ivanjili iratwibutsa ko Yezu Kristu wenyine ari we ushobora kumara inyota ya buri muhamagaro : inyota y'ukuri, inyota y'urukundo, n'inyota y'ubuzima bwuzuye. Nk'umunyasariyakazi, tumwegerane umutima utaryarya, dufite ibyifuzo byo kuvuka bundi bushya, dufite kandi umutima witeguye kumva ijwi rye no kwakira umuhamagaro we.

**Gusengera hamwe**

**Tugushimiye Nyagasani ku bw'amazi y'ubuzima wabuganije mu mitima yacu. Watwihaye nk'isoko idakama, urumuri ruhashya umwijima, ibyishimo bivukisha bundi bushya. Duhe kutiharira iyo ngabira ; udushoboze kuyisangiza abagushakashaka batabizi, by'umwihariko urubyiruko rushakisha icyerekezo cy'ubuzima. Byutsa muri bo ubutwari bwo kwitanga babigirira wowe n'abavandimwe babo. Tumare inyota Nyagasani ubigirishije amazi y'ubugingo bw'iteka. Amen.**

*Umugisha w'Ukaristiya*

*Indirimbo isoza*

Production: Rogationists | Daughters of Divine Zeal
Writing: Sister Mariannna Bolognese, fdz
Translation: Fr. Eugène Ntawigenera, rcj
Art and editing: Fr. Reinaldo Leitão, rcj